# Ibyo wamenya kuri ‘Engen EcoDrive’, Lisansi na Mazutu bikoreshwa n’ibinyabiziga bidahumanya ikirere

**Kuri uyu wa Mbere tariki 14 Ugushyingo 2022, ikigo Vivo Energy Rwanda cyahuguye bamwe mu banyamakuru, abavuga rikumvikana ku mbuga nkoranyambaga n'abandi ku mikorere ya 'Engen EcoDrive', Lisansi na Muzutu bikoreshwa n'ibinyabiziga ntibyohereze mu kirere imyuka ihumanya, kandi bigakomeza kugira ubuziranenge.**

Engen EcoDrive ni igisobanuro cya Lisansi cyangwa Mazutu igizwe n'inyongeramusaruro igamije gusukura moteri, kurinda ikubanaho (gukubanaho) ry'ibyuma biba muri moteri, ikarinda n'umugese, ibi bigafasha mu kugabanya ibyuka byangiza ikirere.

Ibi byose bigatuma ikinyabiziga gikoresha cyangwa se kinywa lisansi nkeya ugereranyije n'ibirometero yagenze.

Ubushakashatsi bwakozwe bwerekanye ko serivisi abakiriya bahabwa hamwe n'ubwiza bwa Lisansi na Mazutu, aribyo by'ingenzi biyobora abakiriya mu guhitamo sitasiyo ibinyabiziga byabo bifatiraho Lisansi na Mazutu mu Rwanda.

Ni muri urwo rwego ikigo cya Engen cyatangije muri 2021 gahunda yiswe 'Triple Check', kugira ngo abakiriya bagaragarizwe ko bahabwa Lisansi na Mazutu byujuje ubuziranenge, kugipimo cyuzuye, ndetse bakanakirwa neza ku masitasiyo ya Engen.

Kubera ko muri Engen kugendana n'ibigezweho bidahagarara, bamaze gushyira ku isoko Mazutu na Lisansi bivuguruye: Engen EcoDrive, ubu iraboneka ku ma sitatiyo yose ya Engen mu gihugu hose.

EcoDrive ni ibisubizo by'ubufatanye hagati ya Engen n'ikigo mpuzamahanga cyo mu Budage (BASF), kizobereye mu kongerera ubwiza ibikomoka kuri peteroli.

EcoDrive yasimbuye Lisansi na Mazutu bisanzwe, kandi itangwa ku biciro bisanzwe (nta giciro cy'inyongera ku bakiriya).

Vivo Engen isobanura ko izaniye Abakiriya mu Rwanda ibyiza by'imyaka myinshi y'ubushakashatsi n'iterambere, muri Laboratoire zubahwa cyane mu Budage.

Umuyobozi Mukuru wa Vivo Energy Rwanda, Saibou Coulibaly avuga ko guhugura abanyamakuru n'abandi bavuga rikijyana, ari inzira nziza yo kumenyekanisha ku baturarwanda 'Engen EcoDrive' kuko yaje ari igisubizo ku batunze ibinyabiziga.

Uyu mugabo wakoreye mu bihugu birimo Cote d'Ivoire, avuga ko 'Engen Ecodrive' babanje kuyigerageza mu bantu batandukanye bo mu Rwanda bafite ibinyabiziga, bayishyira ku isoko bafite ibitekerezo n'ishimwe rya benshi bamaze kuyiyoboka.

Yavuze ko abahuguwe babitezeho kubabera ba Ambasaderi. Ati "Dufite ubuhamya bwiza bw'abantu bamaze gukoresha Engen EcoDrive. Ibi ntabwo ari ukwamamaza, ahubwo ni mu nyungu z'ubuziranenge bw'ibinyabiziga. Abakiriya barishimye, kubera ko bategereje Lisansi na Mazutu byujuje ubuziranenge, kandi nabo bashobora kubona itandukaniro ryabyo."

Umuhanzi Uncle Austin usanzwe ukoresha Engen EcoDrive, avuga ko yishimira kuba ikinyabiziga cye ubu gifite ubuziranenge nk'uko yakiguze.

Ibyiza bya ENGEN EcoDrive ivanze na Lisansi

Lisanse na Mazutu bisanzwe bikoreshwa, bifite uburyo birema umwanda mu gushya (gushya cyangwa se kwaka) kwabyo bigatuma ikinyabiziga kibikoresha kinywa cyane.

Engen EcoDrive yo igenzura neza kandi igasukura Lisansi na Mazutu, bigatuma ikinyabiziga kinywa neza kandi moteri ikarindwa umugese n’umwanda.

Engen EcoDrive ya lisansi igabanya kwikubanaho (kwikuba) kw’ibyuma bya moteri, bityo ikaramba.

Ibyiza bya Engen EcoDrive kuri moteri y'ikinyabiziga:

1. Inzira za moteri: Zirindwa umugese.
2. Utwuma twinjiza Lisansi muri moteri: Kurindwa umwanda.
3. Ibyuma by'imbere muri moteri: Birindwa umwanda.
4. Inziga za pisito: Zigabanya kwikubanaho.
5. Amavuta ya moteri: Akora neza kurushaho.

Engen EcoDrive yagenewe gusukura moteri ikagumana imbaraga, kandi ntikoreshe Lisansi na Mazutu byinshi.

Engen EcoDrive kandi ifasha mu kurinda umugese ibyuma bya moteri z'ibinyabiziga.

Ibyiza bya Mazutu igizwe na Engen EcoDrive

1. Ibice by'imbere muri moteri: Nta myanda igaragaramo kandi hirindwa ko byafatwa n'umugese.
2. Imyanda igaragara mu bice bya moteri iyigabanyiriza imbaraga
3. Engen EcoDrive ituma ibice by'imbere muri moteri bihora bisukuye.
4. Iyo nta myanda iri mu bice bya moteri bituma ikora neza, ikinyabiziga kikanywa neza.
5. Engen EcoDrive ituma ibice by'imbere muri moteri bitaribwa n'umugese.

Ubwo yari mu biganiro ku mahoro, umutekano n'ubutabera bibera mu ishuri rikuru rya Polisi y’u Rwanda i Musanze, Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Mujawamariya Jeanne d'Arc yavuze ko u Rwanda rwamaze gushyiraho ingamba zigamije gukumira imyuka ihumanya ikirere, ugereranyije n’ibindi bihugu by’Akarere u Rwanda ruherereyemo.

Mujawamariya yavuze ko u Rwanda rwashyizeho amategeko arengera ibidukikije, agashyirwa mu bikorwa ku bufatanye na Polisi y'u Rwanda.

Yavuze ko hagendewe ku cyerekezo cya 2050, hakenewe kongera imbaraga mu kubungabunga ibidukikije ku mugabane wa Afurika.

Igihe watangiye gukoresha Engen EcoDrive bisaba ko utayivangira ngo utangire gukoresha andi mavuta, kuko ikinyabiziga cyawe cyongera kuba uko byari bimeze mbere ugikoresha andi mavuta atari aya Engen.




Bwana Saibou Coulibaly avuga ko buri munsi bakira abantu bashima uburyo Engen EcoDrive yahaye ubuzima ibinyabiziga byabo